



---

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU  
JEANNETTE KAGAME  
MU IHURIRO RY'URUNANA RW'ABAGORE  
B'ABAYOBOZI

---

**Kigali, Intare Conference Arena**



KU YA 1 WERURWE 2023

**Bavandimwe,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Dear Ms Bineta Diop, AU Special Envoy on Women, Peace and Security,**

**Bafatanyabikorwa,**

**Nshuti turi kumwe uyu muni,**

**Muraho neza!**

**“Building the Next Generation of Women Leaders”** – Gutegura abagore b’abayobozi b’ejo hazaza. Iyi nsanganyamatsiko iradusaba iki?

Nta wavuga abagore b’abayobozi, atabihuje n’uburinganire n’ubwuzuzanye. Iteka iyo tuvuga imibare itandukanye, yerekana abagore bari mu nzego z’ubuyobozi, ndetse n’uko yagiye izamuka, ntitukabyamamaze gusa cyangwa ngo tubyishimire birangirire aho.

Iyo tuvuga Agaciro k’umugore muri iki gihugu cyacu, tujye twongeraho ko **bitanikoze!**

Byasabye ubuyobozi bushyira umuturage ku isonga, byagera ku mugore, bikagira **umwihariko!**

Nagira ngo rero, twibukiranye bimwe mu byadufashije nk’Abanyarwanda, kugira ngo uyu muni tube tubasha kuvuga twemye, ko tugeze ku rugero rwiza rw’uburinganire n’ubwuzuzanye.

Aha twavuga:

- Ubushake bwa politiki, bwo kutagira uhezwa mu miyoborere y'igihugu cyacu, byatumye abagore bashyirwa mu nzego zose zifatirwamo ibyemezo!
- Dufite kandi amategeko n'umurongo-ngenderwaho, uzirikana ko hakenewe impinduka, ziha abagore amahirwe angana n'ay'abagabo.
- Ingengo y' imari y'igihugu cyacu, igena kandi ibikorwa byihariye by'iterambere ry'abagore.
- Tukagira n'inzego zubaka ubushobozi bw'abagore (MIGEPROF National Women Council), izikurikirana iyubahirizwa ry'amategeko (Gender Monitoring Office), n'izikora ubuvugizi (Rwanda Women Parliamentary Forum (FFRP), mu birebana n'iterambere ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

### **Bagore, Bayobozi, Bavandimwe,**

Nk'uko Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yabigarutseho mu nama y'igihugu y'umushyikirano, umuryango mwiza, ni umuryango utekanye, ushoboye kandi urangwa n'indangagaciro z'u Rwanda.

Twemeranya ko umugore afite uruhare runini mu kubaka umuryango mwiza ariko na none, ntiyabigeraho wenyine. Iyo ashyigikiwe, akabaho atuje, yubahirwa agaciro ke, nawe abasha kubaka umuryango uhamye.

Mu butumwa bw'Umukuru w'Igihugu cyacu, ubwo twizihizaga Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Umugore mu 2022, yatwibukije ko: ***“Kubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye bw’abagore n’abagabo atari impuhwe. Ni uburenganzira. Tugomba kwisuzuma ubwacu, tugakora byinshi kandi byiza kugira ngo abazakomoka ku bahungu n’abakobwa bacu bazaragwe igihugu, aho ibyo bazaba bifuzaga bitazagira umupaka”***.

### **Batumirwa, Bagore mu nzego z’ubuyobozi zitandukanye,**

Mu nama nkuru y’igihugu y’umushyikirano y’uyu mwaka kandi, Umukuru w’igihugu yongeye kutwibutsa ko **“Iyo wubaka, wita cyane ku ireme n’ubuziranenge, uburambe bw’ibyo wubaka ndetse no gusigasira umutekano w’ibyo wagezeho”**.

Ntabwo dushidikanya rero ku buziranenge bw’urunana rwacu kuko rwagiyehe rukenewe.

Ahubwo, dufite umukoro wo gukomeza guhanga ibishya no kurinda ibyagezweho. Abato babyiruka n’abazavuka bazabihereho kandi babikomeze kuko ari bo mizero y’ejo hazaza.

Abashakashatsi ba Harvard University<sup>1</sup> bagaragaje bimwe mu bifasha kubaka no gukomeza urunana nk’uru. Numvise natwe bishobora kudufasha:

---

<sup>1</sup> <https://hbr.org/2019/11/the-secrets-of-successful-female-networkers>

- **Kugira intego duharanira, kandi tukayigeraho:** Kugira ngo uru runana ruzarambe, tugomba kumenya icyo dushaka guharanira, impamvu y'icyo duharanira n'uburyo tuzabigeraho.
- **Kuba ingirakamaro:** Icyo abagore biyemeje, bakagishyiraho umutima, bagafashanya, haba impinduka zikomeye kandi zigaragara.
- **Gushyigikirana no guterana inkunga:** Kungurana ubumenyi, gufashanya mu mikorere ya buri muni no kwihugura.

### **Banyamuryango, Bavandimwe,**

Umwanditsi w'umunyafurikakazi Chimamanda Ngozi Adichie yagize ati: **“We must raise our daughters differently. We must also raise our sons differently.”**

Ugenekereje mu Kinyarwanda, twagira tuti: *“Tugomba kurera abakobwa bacu mu buryo butandukanye, ndetse n'abahungu bacu nabo, dukwiye kubarera mu buryo butandukanye”.*

Iri tandukaniro yavugaga, rigomba kugaragara hagati y'uko twarezwe ndetse n'uko turera uyu muni.

Ibiganiro n'imihigo byaganiriweho uyu muni, biraduha icyizere ko ababyiruka, bafite inzira nziza banyuramo kuko tubarera mu buryo butandukanye.

- Abato babyiruka uyu muni turabategura dute?

Iwacu Imbutu Foundation tugendera ku gitekerezo ngenga kivuga ku mikurire y’imbuto: aho tuvuga ko *“iyo akabuto gatewe mu gitaka giteguwe neza, kakuhirwa, kagahabwa iby’ingenzi byose, karakura kakavamo igiti cy’inganzamarumbo, kidahutazwa n’icyo ari cyo cyose”*.

Ni amahirwe ko u Rwanda twahawe n’Ubuyobozi bwacu ari umurima wujuje ubuziranenge, buzadufasha kurera no gukuza abayobozi beza.

Iyo mbuto rero tuyuhire, tuyihe ibikenewe byose, turushaho:

- Guha imbaraga uru runana
- Guhugurana no gushyigikirana
- Gushyiraho ibiganiro bihoraho hagati y’abakuru n’abato
- Uburyo bwo guhana amakuru buhoraho kandi buzirikana ibyiciro byose

### **Batumirwa, Nshuti zacu, ba HeforShe- Ba Rugerorwiza!**

Dushima kandi tuzirikana ubufatanye bwanyu mu iterambere ry’umugore! Ariko twizera ko hari indi ntambwe irushijeho abagabo n’abasore mwageraho.

Dukeneye kubabona muri kumwe natwe, mugendana natwe ndetse mukanahagarara n’aho twaba tutari.

Ku banyamuryango bashya n’abandi muzagenda mudusanga, ikaze mu kubaka u Rwanda rwabareze! Ntimuzacike intege kubera inshingano - nyabutatu mufite, zo kuba umugore, umubyeyi ndetse n’umuyobozi. **Tubahaye ikaze!**

### **Banyamuryango ba African Women Leaders Network (AWLN)**

Uru runana rusanze andi mahuriro atandukanye ku mugabane wacu.

- ***Mbese umusanzu wacu uzaba uwuhe?***

Ku bayobozi bakiri bato, hari ibyo muzi byafasha uru runana kujya mbere kandi namwe hari ubunararibonye mwakwigira kuri twe bakuru banyu musanze!

- ***Ese twakwiha izihe ngamba kugira ngo amahirwe n’iterambere tumaze kugeraho bizagere kuri buri mugore n’umukobwa, buri wese mu mwihariko we, kandi mu buryo bwihuse?***
- ***Ese uyu munsi twakwiyemeza ko tugiye kubaka Urunana n’ubumwe bufite intego? – tukaba ba mutima wa Afrika n’umusemburo w’impinduka mu muryango mugari n’igihugu cyacu?***

Munyemerere nsoreze aha mbifuriza umugoroba mwiza, mbonereho kandi n’umwanya wo gutangiza ku mugaragararo Urunana rw’ihuriro rya Afurika ry’Abayobozi b’Abagore.

**Murakoze!**